

Banyakubahwa ba Ministres;

Nyakubahwa Mayor w’Umujyi wa Kigali;

Dear Women in Parliamentarians delegates;

Ba Nyakubahwa Ntumwa za Rubanda;

Abahagarariye ingabo na police;

Madame Umuyobozi w’akarere ka Nyarugenge;

Madamu Muhuzabikorwa wa Avega;

Babyeyi, banyamuryango ba Avega, bavandimwe;

Mwongeye kwirirwa;

Nejejwe no kwifatanya namwe, muri uyu muhango wo gusozza ibikorwa bitandukanye byo gusura no gufata mu mugongo abanyamuryango ba AVEGA, wahujwe no gushyikiriza amacumbi bamwe mu babyeyi b’incike ndetse n’abandi bayakeneye.

Mumfashe tubanze dushimire, abashyitsi baje kwifatanya natwe uyu muni.

Dear sisters, we appreciate your presence here among us, especially as you bear witness to what our fellow women have endured but most remarkably their resilience quiet yet steadfast.

Mumfashe kandi dushimire abanyamuryango ba Avega, ku bikorwa byiza bamaze iminsi bakorera abandi bagenzi babo, mu gihe twibuka Genocide ku nshuro ya 20. Mu byukuri iyi ni intambwe ikomeye, ni no gusohozza intego mwahaye umuryango wanyu. Ubu turizera ko ababyeyi mwasuye

basusurutse. Mu mwaka wa 2010 ubwo twizihizaga isabukuru y’imyaka cumi n’itanu Avega -Agahozo yari imaze ishinzwe, nabahaye akabyiniriro ko mubaye Avega “Itetero” kuko byari byagaragaye ko hari byinshi byari bimaze kugerwaho. Nkaba nagirango nshime iyo gahunda ya “Tubarere nkuko batureze” kuko igenda ikemura ikibazo cy’ababyeyi bagizwe incike na genocide.

Banyamuryango ba Avega, turabasaba ngo mukomereze aho, mukomeze mwegere abataragira aho bagera, ariko cyane cyane abafite intege nke, bakeneye gusindagizwa ngo basaze neza. Turabasaba kandi kwita ku bana b’abanyamuryango, kugirango nabo bakure ari urubyiruko rufite uburere bwiza n’ubushobozi bwo kwigira. Turabasaba na none gukomeza gukorera hamwe, kugirango inshingano mwasigaranye muzisohoze neza. Turashimira kandi abandi bacitse ku icumu muri rusange, kubera ko bakomeje urugamba rwo kwisubiza icyizere no kwiteza imbere.

Nkuko nigeze kubivuga mu ibaruwa nandikiye abanyarwandakazi bacitse ku icumu, mu kwa kane kw’uyu mwaka, mbashimira kandi mbabwira ko tubafata nk’intwali, kuko bemeye kwikorera umutwaro uremereye, w’amateka y’igihugu cyacu. Mwabonye byinshi, mukorerwa byinshi, hari abasigaye bonyine, abandi basigarana ubumuga ndetse n’izindi ngaruka za jenocide, ariko nubwo biremereye tubashimira ko mutaheranwe n’agahinda, mutacitse intege. Imyaka ibaye 20 mwiubaka, mwiremamo icyizere, ndetse mwakomeje ubuzima hamwe n’abandi banyarwanda. Ibi tubifata nko kurwana urugamba rutoroshye, kandi mukarutsinda.

Muri iki gihe twizihiza isabukuru y’imyaka 20 u Rwanda ruhagaritse genocide, rugaruye amahoro, rwibohoye ibikorwa bibi, amacakubiri,

imyiryane, akarengane byari byugarije abanyarwanda, dukomeza gushima ababigizemo uruhare cyane cyane ingabo zari iza FPR Inkotanyi, zayoboze urwo rugamba, ubwitange bwabo ni ubu ni ishema ryacu.

Nubwo urugamba rwo kubohora igihugu twarutsinze nk'abanyarwanda, ntabwo twakwirengagiza ko urugendo rugikomeza, ibi bisobanura ko nubwo umunyarwanda yabohowe, ariko agomba kubaho kandi akabaho neza, akagira ubuzima bwiza, akagira aho aba, akivuzza neza, akava mu bujiji, akabana mu mahoro n'abandi banyarwanda, kandi ibyo byose akabigiramo uruhare. Mu byukuri uru ni rwo rugamba nyirizina, rujyanye n'ibihe turimo, tukaba tugomba kururwana nk'abanyarwanda. Ibi bikorwa AVEGA imaze iminsi ikora byo gusura abanyamuryango bayo batishoboye, kubaremera, ndetse n'igikorwa twatashye uyu muni, bikaba nabyo biri muri uwo murongo.

Babyeyi, nubwo bamwe mwagizwe abapfakazi abandi mwagizwe incike, ariko turahari ngo tubahoze, ntabwo muri mwenyine, ntawasimbura abanyu n'imiryango mwabuze, ariko twiyemeje kubegera no kubashajisha neza nk'uko imiryango yanyu yari kubibakorera. Kwibohora nyakuri ni ukubaba hafi, ni ukubamenya.

Ku bashyikirijwe amacumbi, mubaye abaturage ba Mageragere, musanze abandi baturanyi, muhasanze ibindi bikorwa by'amajyambere nk'ivuriro ryiza, urugo mbonezamukurire rw'abana bato (ECD) n'ibindi. Turabasaba kuba abaturage beza, turabasaba gufata neza ibyo mwahawe, bijye bihorana isura nziza. Turabasaba kandi kuzabana kivandimwe, muzamarane irungu, mufashanye, abafite intege nke mukababa hafi, maze ntibazigere bumva ko

ari bonyine. Turabasaba kandi no kuzabana n'abandi baturage neza, mwunze ubumwe kuko bajya bavuga ko umuturanyi mwiza akurutira umuvandimwe wa kure.

Ku basangwa namwe, baturage ba Mageragere, mubonye abandi baturanyi bashya, turabasaba ngo muzabakirane urugwiro mu mucu wacu dusanganywe. Baje babasanga ngo musangire ubuzima, muzabamenyereze, mubinjize muri gahunda musanzwe mufite muri aka Kagari, byaba ibimina, amashyirahamwe, umugoroba w'ababyeyi, gusabana n'ibindi bikorwa mufite. Muzafatanye kandi mukomeze guteza imbere aka gace mutuyemo, maze ubuzima bwanyu mwese burusheho kuba bwiza, kuko nicyo igihugu cyacu kibifuriza.

Muzafatanye no gutekereza ibikorwa byabateza imbere, abantu iyo bishyize hamwe nta kibananira. Muzegere ubuyobozi, nabwo bwababa hafi bukabafasha gukora imishinga izamura imibereho yanyu.

Mbere yuko nsoza, ndagirango tubanze dushimire abafatanyabikorwa bose, bagize uruhare ngo aya macumbi aboneke. By'umwihariko dushimire Ingabo ziyemeje guhora zitugoboka. Turashimira kandi FARG, BNR, Akarere ka Nyarugenge, AVEGA n'abandi bose. Mwarakoze, mwasubije agaciro aba banyarwanda.

Mbifuriye kuzagira umunsi mwiza wo kwibohora, dukomeza gushyira imbere, ibikorwa byo kwigira.

Murakoze, Mugire Umugisha n'amahoro aturuka ku Mana